**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa **2022**, umunsi wa Cyenda  w'ukwezi kwa Kwa Kabiri,

Twebwe **MUSABYIMANA Claudine**, Umucamanza mu Rukiko Rwisummbuye rwa Ngoma, dufashijwe na **Muzamuzi Pacifique** ,Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa **TURATSINZE Sylivain** mwene Kanyabashi Valens na Nyiraruvugo Costasie, wavutse kuwa 1/1/2003, ubarizwa mu Mudugudu wa Gasabo,Akagali ka Kiyovu,Umurenge wa Ndego, Akarere ka Kayonza, Intara y'Iburasirazuba;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko gihabwa **n° RP/MIN 00101/2021/TGI/NGOMA**,bukurikiranyeho **TURATSINZE Sylivain,**ibyaha birimo icyo Gukubita no gukomeretsa ku bushake ku buryo bubabaje no gukubita no gukomeretsa ku bushake byateye urupfu, ibyaha biteganywa kandi bigahanwa n'ingingo ya 121 y'Itegeko n° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018, riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 y'Itegeko n° 27/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'Inshinjabyaha, iteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse **TURATSINZE Sylivain**, kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma kuwa **17/3/2022** saa mbiri za mu gitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'Ubushinjacyaha;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kikanatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ari yo www.judiciary.gov.rw.

| | |
|---|---|
| **UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI** |
| **MUSABYIMANA Claudine** | **MUZAMUZI Pacifique** |